Umuntu uzisukura (Udhu), agatunganya isuku ye neza, ibyaha yakoze biva ku mubiri we, kugeza n'ubwo biva mu nzara ze!

Hadithi yaturutse kwa Uth'man Ibun Afan (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu uzisukura (Udhu), agatunganya isuku ye neza, ibyaha yakoze biva ku mubiri we, kugeza n'ubwo biva mu nzara ze!"

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu wisukuye (Udhu) akitwararika uko ikorwa yubahiriza imigenzo yayo n'imyifatire yayo, biba impamvu y'uko ababarirwa ibyaha bye, kugeza n'aho ibyaba biri mu nzara ze zaba iz'intoki cyangwa se z'amano bimuvuyeho.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/6263